E.Sc.Musanze-N.D. de l'Etoile

P.O.Box : 92 Ruhengeri

Phone : 250788643839

E-mail : escnotredame@yahoo.com

Web : www.escnotredame.com

E.Sc.Musanze Alumni.

RAPORO N'IBITEKEREZO BYAVUYE MU NAMA Y'ABIZE MU ISHULI RY'UBUMENYI RYA MUSANZE (E.Sc.MUSANZE) YATERANYE KUWA 12/11/2017 MURI GAHUNDA YO GUSHIRAHO IHURIRO (ALUMNI)

Tariki ya 12/11/2017, nibwo abize mu ishuli ry'Ubumenyi rya Musanze mu myaka itandukanye (Promotion), twaturutse impande zose zigihugu cy'Urwanda, duhurira mu ishuli twarerewemo. Nyuma yo gutambagizwa urugo twarerewemo, tukerekwa ibyahindutse kuva aho tuhaviriye byaratunejeje cyane.

Twakiriwe muri Salle y'ishuli, Padiri aradusengera, haririmbwa indirimbo yubahiriza igihugu ndetse nindirimbi y'ikigo, twerekwa Abarimu batandukanye batureze. Bafatanije na barumuna bacu bacyiga muri E.Sc.Musanze n'ubuyobozi baduha ikaze.

Nyuma yo guhabwa ikaze na Padiri MBONIMPA Jean Claude Umuyobozi w'ishuli, habayeho kwibwirana no kuvuga ibyiciro bitandukanye twarangijemo nokuvuga ibyo dukora ubu. (Current occupation).

Yaba abarerewe mu ishuli ry'ubumenyi rya Musanze, Abarimu batureze, Ubuyobozi bw'ikigo na Barumuna bacu ,twese twanejejwe nintambwe nziza abarerewe mu ishuli ry'Ubumenyi rya Musanze tugezeho mu buzima bwa buri munsi. Twashimiye Imana cyane ,tunashimira abarezi badufashije mwurwo rugendo rutari rwoshye. Tunabizeza kutazabatenguha.

Nyuma umwe mu barerewe mu E.Sc.Musanze **KANEZA Jean Luc** , ahagarariye abanyeshuri bize muri promotion ya 2000-2003, yafashe ijambo, adusangiza igitekerezo bagize we nabagenzi be barerewe muri E.Sc.Musanze.

Ati twebwe dusanzwe dufite ihuriro nuburyo duhura tugapanga gahunda yo kugaruka gusura ishuli rya tureze. Dufite intego yo kumenya uko ritera imbere , icyo twarifasha no gukomeza indangagaciro yo gushima. Ati twigeze dutegura igihembo twageneye umwarimu twahurijeho amajwi mubatureze (Damian). Uko guhura kwacu kwatumye tugira igitekerezo cyagutse cyo kuba twasaba Ubuyobozi bw'ishuli gutumaho abarerewe muri E.Sc.Musanze bose, tukabaha igitekerezo twagize cyo gushiraho

ihuriro (ALUMNI) ry ‘abize mu ishuli ry’Ubumenyi rya Musanze kuva ryashingwa. Bitsyo tugakomeza umurunga wubumwe nkabana babanyarwanda barezwe neza bikanadutera kurushaho guteza imbere ishuli uko dushoboye dufatanije n’ubuyobozi bw’ishuli.

Nyuma y’ijambo n’ubuhamya bya KANEZA Jean Luc, bamwe muri twe batanze ibitekerezo bitandukanye :

1. Twanejejwe nibyo abize muri promotion ya 2000-2003 bakoze, tunashima igitekerezo bagize cyo gushiraho ihuriro duhuriyemo twese.
2.
3. Twarabishigikiye ,twumva ko ihuriro aringombwa (Alumni)
4. Gushiraho Komite ya coordination yajya yigirahamwe ibikwiriye gukorwa,igihe cyo kubikora n’uburyo bwo kubikora.
5. Gufungura umurongo (Window) muri website y’ishuli kuburyo ariho hajya haca gahunda zose z’ihuriro no kwiyandikisha kugirango abize ku Musanze bose bamenywe muriryo huriro. Kuko aribwo buryo bwakwihutisha ubutumwa k’ubantu bose bize ku Musanze mu myaka itandukanye. Kuricyi gitekerezo F.Regis DUSENGIMANA ,yemeye gufungura uwo murongo kuri website y’Ishuli.
6. Abize bimwe cyangwa bakora bimwe bajya bishirahamwe bagahuza ubumenyi mu rwego rwo guteza imbere ishuli.
7. Gushiraho uhagarariye buri Promotion murwego rwa communication
8. Hifujwe ko abagize komite ya coordination bazategura irindi huriro ryaguye ryo kwongera kwigira hamwe no guha umurongo ihuriro (Alumni) ryacu.
9. Hifujwe ko Komite yategura uburyo hatagwa ubwitange (Contribution) bwo gutegura ihuriro ryaguye.

ABASHIZWEHO BAGIZE KOMITE KANDI BAHAGARARIYE AMAPROMOTIONS.

N°	**AMAZINA**	**PROMOTION**	**ICYO ASHINZWE**	**TELEFONE**	**EMAIL**
1	HARERIMANA Ignace	Before 1994	Coordinator	0788592699	ignace.titan@gmail.com
2	KANEZA Jean Luc	2000-2003	V/Coordinator	0788802542	KANJEALU@yahoo.fr
3	DUSENGIMANA Régis	2005-2007	Information in charge at website	0783460627	faduregis@gmail.com
4	HABIYAREMYE Modeste	2003-2009	Secrétaire	0783581021	modestehabiyaremye@gmail.com
5	DUKUZUMUREMYI Honorée	1987-1993	Gukusanya abize muri promotion ye.	0788830160	dhunoree2@gmail.com

6	UWAMAHORO Solange	2000-2003	Gukusanya abize muri promotion ye.	0788766337	usoso3@yahoo.fr
7	SEBAHIRE Félicien	2002-2008	Gukusanya abize muri promotion ye.	0783842799	feliba01@gmail.com
8	Dr MUMUKUNDE Chance	2007-2009	Gukusanya abize muri promotion ye.	0785472775	mmukunde2011@yahoo.fr
9	MUHORAKEYE Marie Cécile	2008-2010	Gukusanya abize muri promotion ye.	+972559579144	mcecile2020@gmail.com
10	IMBABAZI Dominic Xavio	2006-2011	Gukusanya abize muri promotion ye.	0788674087	idish@ymail.com

Nyuma y'inama aba bagize komite barahuye bahana contacts banemeza gukora whatsup group yabo nka komite murwego rwo kurushaho kungurana ibitekerezo mugihe bategereje ko Regis arangiza gufungura urubuga rwaguye kuri website y'ishuli. Ahazajya hanyuzwa gahunda zose zingezi zirebana nihuriro.

Nyuma yiyi nama kandi hakinywe imikino itandukanye (Volley ball and Basketball) hagati yacu nkabarerewe mu ishuli rya Musanze n'abanyeshuri bakirirererwamo.
Imikino irangiye habaye ubusabane hagati yabashitsi,abarezi,abayobozi b'ishuli n'abanyeshuli muri Star garden y'ishuli.

Ibirori byasojwe n'umuyobozi w'urugo rwa Musanze Padiri MBONOMPA Jean Claude,asozesha isengesho anashimira abitabiriye ubutumire anabasabira umugisha.

Bikorewe i Musanze kuwa 13/11/2017 n'Umwanditsi w'inama

HABIYAREMYE Modeste.